

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/2021 RYO KU WA 08/02/2021 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA IGENZURA KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA N'UBURYO BIGENGA IKORWA RY'IGENZURA KU BIDUKIKIJE</b></p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N° 001/2021 OF 08/02/2021 ESTABLISHING THE LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL AUDIT, INSTRUCTIONS AND PROCEDURES FOR CONDUCTING ENVIRONMENTAL AUDIT</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2021 DU 08/02/2021 ÉTABLISSANT LA LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UN AUDIT ENVIRONNEMENTAL, INSTRUCTIONS ET PROCÉDURES POUR MENER L'AUDIT ENVIRONNEMENTAL</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Definitions</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Définitions</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa igenzura ku bidukikije</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: List of works, activities and projects that must undergo environmental audit</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet de l'audit environnemental</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUKORA IGENZURA KU BIDUKIKIJE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: PROCEDURE FOR CONDUCTING ENVIRONMENTAL AUDIT</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: PROCÉDURE POUR MENER L'AUDIT ENVIRONNEMENTAL</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Gusaba uruhushya</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Application for authorisation</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Demande d'autorisation</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Inyandiko nsobanuramiterere y'igenzura ku bidukikije</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Terms of reference of the environmental audit</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Termes de référence de l'audit environnemental</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Guhitamo impuguke zo gukora igenzura ku bidukikije</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Choice of experts to conduct environmental audit</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Choix des experts pour mener l'audit environnemental</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Raporo y'igenzura ku bidukikije</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Environmental audit report</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Rapport d'audit environnemental</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Gutanga raporo y'igenzura ku bidukikije</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Submission of the environmental audit report</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Transmission du rapport d'audit environnemental</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gusuzuma raporo y'igenzura ku bidukikije n'ifatwa ry'icyemezo</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Review of environmental audit report and decision making</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Examen du rapport d'audit environnemental et prise de décision</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ikusanyabitekerezo</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Public hearing</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Tenue des audiences publiques</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Ishyirwaho ry'amabwiriza rusange n'ayihariye agenga igenzura ku bidukikije</b></p>	<p><b><u>Article 11:</u> Setting up general and specific guidelines for conducting environmental audit</b></p>	<p><b><u>Article 11:</u> Mise en place des directives générales et spécifiques pour mener l'audit environnemental</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Repealing provision</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Disposition abrogatoire</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/2021 RYO KU WA 08/02/2021 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA IGENZURA KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA N'UBURYO BIGENGA IKORWA RY'IGENZURA KU BIDUKIKIJE</b></p> <p><b>Minisitiri w'Ibidukikije,</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'ya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 32;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/08/2020, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</b></p> <p>Iri teka rishyiraho:</p>	<p><b>MINISTERIAL ORDER N° 001/2021 OF 08/02/2021 ESTABLISHING THE LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL AUDIT, INSTRUCTIONS AND PROCEDURES FOR CONDUCTING ENVIRONMENTAL AUDIT</b></p> <p><b>The Minister of Environment,</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 48/2018 of 13/08/2018 on environment, especially in Article 32;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/08/2020;</p> <p><b>ORDERS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Order</b></p> <p>This Order establishes:</p>	<p><b>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2021 DU 08/02/2021 ÉTABLISSANT LA LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UN AUDIT ENVIRONNEMENTAL, INSTRUCTIONS ET PROCÉDURES POUR MENER L'AUDIT ENVIRONNEMENTAL</b></p> <p><b>Le Ministre de l'Environnement,</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 48/2018 du 13/08/2018 sur l'environnement, spécialement en son article 32;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/08/2020;</p> <p><b>ARRÊTE:</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES</b></p> <p><b><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</b></p> <p>Le présent arrêté met en place:</p>
---	--	--

<p>1° urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa igenzura ku bidukikije mbere y'uko ibona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa;</p> <p>2° amabwiriza n'uburyo bwo gukora igenzura ku bidukikije.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° <b>igenzura ku bidukikije:</b> gukusanya ku buryo bwimbitse amakuru, gusuzuma buri gihe ku buryo bufatika uburyo bwo kurengera no gucunga ibidukikije n'ubwo kubungabunga no gukoresha umutungo kamere ku buryo burambye;</p> <p>2° <b>ugenzurwa:</b> ikigo cyangwa umuntu ugomba kugenzurwa;</p> <p>3° <b>isuzumangaruka ku bidukikije:</b> isesengura ryimbitse rigamije kugaragaza ingaruka zishobora guterwa n'umushinga ku bidukikije, imibereho n'ubukungu mbere y'uko hafatwa icyemezo cyo kwemera umushinga;</p>	<p>1° the list of projects that must undergo environmental audit before they obtain authorisation for implementation;</p> <p>2° instructions and procedures for conducting environmental audit.</p> <p><b><u>Article 2: Definitions</u></b></p> <p>In this Order, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° <b>environmental audit:</b> systematic documentation, periodic and objective evaluation of protection and management of the environment and of conservation and sustainable use of natural resources;</p> <p>2° <b>auditee:</b> organisation or an individual to be audited;</p> <p>3° <b>environmental impact assessment:</b> systematic process of identifying environmental, social and economic impacts of a project, before a decision of its acceptance is made;</p>	<p>1° la liste des projets qui doivent faire l'objet de l'audit environnemental avant qu'ils obtiennent l'autorisation de mise en exécution;</p> <p>2° les instructions et les procédures pour réaliser l'audit environnemental.</p> <p><b><u>Article 2: Définitions</u></b></p> <p>Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1° <b>audit environnemental:</b> la documentation systématique, l'évaluation périodique et objective de la protection et de la gestion de l'environnement et de la conservation et de l'utilisation durable des ressources;</p> <p>2° <b>audité:</b> organisation ou individu à auditer;</p> <p>3° <b>étude d'impact environnemental:</b> un processus systématique d'identifier les impacts environnementaux, sociaux et économiques d'un projet, avant la prise de décision sur son approbation;</p>
---	---	--

<p>4° <b>Ikigo:</b> Ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano;</p> <p>5° <b>nyir’umushinga:</b> umuntu uwo ari we wese wateguye cyangwa ushaka gutangira gushyira mu bikorwa umushinga ku rwego rwa Leta cyangwa urw’abikorera;</p> <p>6° <b>abafatanyabikorwa:</b> abantu ku giti cyabo, amatsinda y’abantu, ibigo bya Leta, imiryango yigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bafite inyungu cyangwa uruhare mu gikorwa cy’isuzumangaruka ku bidukikije n’ibikorwa by’umushinga.</p>	<p>4° <b>Authority:</b> the institution in charge of environmental conservation;</p> <p>5° <b>developer:</b> any person who has proposed or has undertaken to implement a project in public or private sector;</p> <p>6° <b>stakeholders:</b> individuals, communities, government agencies, private organisations, non-governmental organisations having an interest or stake in both the environmental impact assessment process and outcomes of the project.</p>	<p>4° <b>Office:</b> l’institution ayant la conservation de l’environnement dans ses attributions;</p> <p>5° <b>promoteur:</b> toute personne qui a planifié ou entreprend de mettre en œuvre un projet du secteur public ou privé;</p> <p>6° <b>parties prenantes:</b> individus, communautés, agences gouvernementales, organisations privées, organisations non-gouvernementales ayant un intérêt ou un enjeu dans le processus d’étude d’impact environnemental et les résultats du projet.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Urutonde rw’imirimo, ibikorwa n’imishinga bigomba gukorerwa igenzura ku bidukikije</b></p> <p>Igenzura ku bidukikije rikorwa ku mishinga cyangwa inyubako bihari, rigashingira ku miterere cyangwa imbata no ku makuru y’ibanze yakusanyijwe mu gihe cy’isuzumangaruka ku bidukikije.</p> <p>Icyakora, ku bikorwa, imishinga n’inyubako bitakorewe isuzumangaruka ku bidukikije mbere y’uko bitangira, igenzura ku bidukikije</p>	<p><b><u>Article 3:</u> List of works, activities and projects that must undergo environmental audit</b></p> <p>Environmental audit is conducted on existing projects or facilities and based on project description or design and baseline information generated during the environmental impact assessment process.</p> <p>However, for activities, projects and facilities for which no environmental impact assessment was conducted prior to their</p>	<p><b><u>Article 3:</u> Liste des travaux, activités et projets devant faire l’objet de l’audit environnemental</b></p> <p>L’audit environnemental est effectué sur les projets ou installations en place et basé sur la description ou la conception et les informations de base générées pendant le processus d’étude d’impact environnemental.</p> <p>Toutefois, pour les activités, les projets et les installations n’ayant pas préalablement fait objet d’étude d’impact environnemental,</p>

<p>rishingira ku miterere yabyo no ku makuru y'ibanze yakusanyijwe mu gihe cyo gusesengura umushinga.</p> <p>Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bigomba gukorerwa igenzura ku bidukikije ruri ku mugereka w'iri teka.</p> <p>Ikigo gishobora gusaba igenzura ku bidukikije ku mishinga itavuzwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo hashingiwe ku myanzuro y'ubugenzuzi busanzwe.</p> <p><b><u>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUKORA IGENZURA KU BIDUKIKIJE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Gusaba uruhushya</u></b></p> <p>Nyir'umushinga ashyikiriza Ikigo ubusabe mu nyandiko bwometseho incamake y'umushinga we. Ibisobanuro birambuye bisabwa mu ncamake y'umushinga biri mu mabwiriza y'isuzumangaruka ku bidukikije atangwa n'Ikigo.</p>	<p>commencement, the environmental audit is based on the description and background information generated in the scoping process.</p> <p>The list of works, activities and projects that must undergo environmental audit is annexed to this Order.</p> <p>The Authority may request an environmental audit on projects which are not provided for in Paragraph 3 of this Article basing on routine inspection recommendations.</p> <p><b><u>CHAPTER II: PROCEDURE FOR CONDUCTING ENVIRONMENTAL AUDIT</u></b></p> <p><b><u>Article 4: Application for authorisation</u></b></p> <p>The developer submits to the Authority a written application which includes a brief description of the project. The details of the required information within a brief description of the project are in the environmental assessment guidelines issued by the Authority.</p>	<p>l'audit environnemental est fait sur base de la description et des informations de base générées dans le processus de cadrage.</p> <p>La liste des travaux, activités et projets devant faire l'objet de l'audit environnemental se trouve en annexe du présent arrêté.</p> <p>L'Office peut demander un audit environnemental des projets qui ne sont pas prévus dans l'alinéa 3 du présent article sur base des recommandations de l'inspection de routine.</p> <p><b><u>CHAPITRE II: PROCÉDURE POUR MENER L'AUDIT ENVIRONNEMENTAL</u></b></p> <p><b><u>Article 4: Demande d'autorisation</u></b></p> <p>Le promoteur soumet à l'Office une demande écrite comprenant une brève description du projet. Les détails d'informations requises dans une brève description du projet se trouvent dans les directives de l'évaluation environnementale émises par l'Office.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 5: Inyandiko nsobanuramiterere y'igenzura ku bidukikije</u></b></p> <p>Nyuma yo kwakira no gusesengura incamake y'umushinga, Ikigo gishyikiriza nyir'umushinga inyandiko nsobanuramiterere y'igenzura ku bidukikije.</p> <p>Icyakora, Ikigo gishobora gutegura inyandiko nsobanuramiterere ku mishinga, inyubako, imirimo cyangwa ibikorwa hashingiwe ku byavuye mu igenzura.</p> <p>Nyir'umushinga ashobora gutegura inyandiko nsobanuramiterere igomba kwemezwa n'Ikigo mbere y'uko hakorwa igenzura ku bidukikije.</p>	<p><b><u>Article 5: Terms of reference of the environmental audit</u></b></p> <p>Upon reception of the brief description of the project and its analysis, the Authority submits to the developer the terms of reference for the environmental audit.</p> <p>However, the Authority may develop terms of reference for projects, facilities, works or activities basing on audit findings.</p> <p>The developer may also prepare the terms of reference that must be approved by the Authority before conducting the environmental audit.</p>	<p><b><u>Article 5: Termes de référence de l'audit environnemental</u></b></p> <p>Après avoir reçu et analysé la brève description du projet, l'Office transmet au promoteur les termes de référence de l'audit environnemental.</p> <p>Toutefois, l'Office peut élaborer les termes de référence des projets, des installations, des travaux ou des activités sur base des résultats de l'audit.</p> <p>Le promoteur peut également préparer les termes de référence devant être soumis à l'approbation de l'Office avant que l'audit environnemental ne soit mené.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Guhitamo impuguke zo gukora igenzura ku bidukikije</u></b></p> <p>Iyo amaze kwakira inyandiko nsobanuramiterere, nyir'umushinga atoranya impuguke ku rutonde rw'impuguke rwatangajwe, hakurikijwe amategeko abigenga kugira ngo zikore igenzura ku bidukikije.</p> <p>Impuguke zatoranyijwe nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zigomba</p>	<p><b><u>Article 6: Choice of experts to conduct environmental audit</u></b></p> <p>Upon reception of the terms of reference, the developer selects experts from the list of experts published, in accordance with relevant legislation to conduct the environmental audit.</p> <p>The selected experts provided for in Paragraph One of this Article must not have direct or indirect interests in that project.</p>	<p><b><u>Article 6: Choix des experts pour mener l'audit environnemental</u></b></p> <p>À la réception des termes de référence, le promoteur choisit, sur la liste des experts publiée, conformément aux lois en la matière, pour mener l'audit environnemental.</p> <p>Les experts choisis prévus à l'alinéa premier du présent article ne doivent avoir aucun intérêt direct ou indirect dans ce projet.</p>

<p>kuba zidafite inyungu zitaziguye cyangwa ziziguye muri uwo mushinga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Raporo y'igenzura ku bidukikije</u></b></p> <p>Raporo y'igenzura ku bidukikije igomba kuba ishingiyeye ku nyandiko nsobanuramiterere ivugwa mu ngingo ya 5 y'iri teka.</p> <p>Igenzura ku bidukikije rigomba gukorwa hitawe ku bitekerezo by'abafatanyabikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Gutanga raporo y'igenzura ku bidukikije</u></b></p> <p>Iyo igenzura ku bidukikije rirangiye, nyir'umushinga ashyikiriza Ikigo raporo muri kopi imwe (1) iri ku mpapuro na kopi ya raporo koranabuhanga.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, nyir'umushinga ashobora gutanga inyongera kuri raporo ku ngingo zitari ziteganyijwe mu nyandiko nsobanuramiterere.</p>	<p><b><u>Article 7: Environmental audit report</u></b></p> <p>The environmental audit report must be based on the terms of reference mentioned in Article 5 of this Order.</p> <p>The environmental audit must be done with consideration of the views of all stakeholders.</p> <p><b><u>Article 8: Submission of the environmental audit report</u></b></p> <p>Upon completion of the environmental audit, the developer submits to the Authority the report in one (1) hard copy and electronic copy of the report.</p> <p>Where necessary, the developer may provide an addendum to the report for the facts that are not provided for under the terms of reference.</p>	<p><b><u>Article 7: Rapport d'audit environnemental</u></b></p> <p>Le rapport d'audit environnemental doit être basé sur les termes de références mentionnés à l'article 5 du présent arrêté.</p> <p>L'audit environnemental doit être mené en tenant compte des avis de toutes les parties prenantes.</p> <p><b><u>Article 8: Transmission du rapport d'audit environnemental</u></b></p> <p>À la fin de l'audit environnemental, le promoteur transmet à l'Office le rapport en une (1) copie imprimée et une copie électronique du rapport.</p> <p>En cas de nécessité, le promoteur peut soumettre un avenant au rapport pour les faits qui ne sont pas prévus dans les termes de référence.</p>
---	---	--



<p><b><u>Ingingo ya 9: Gusuzuma raporo y'igenzura ku bidukikije n'ifatwa ry'icyemezo</u></b></p> <p>Nyuma yo kwakira raporo y'igenzura ku bidukikije, Ikigo kirayisuzuma kugira ngo kigenzure niba yaritaye mu nyandiko nsobanuramiterere yatanzwe.</p> <p>Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi ibarwa uherye ku muni cyakiriye raporo, Ikigo kigomba kuyemera, kuyanga cyangwa gusaba ugenzurwa amakuru y'inyongera.</p> <p>Hashingiwe ku miterere y'umushinga kandi bibanje kumenyeshwa mu nyandiko nyir'umushinga na Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano, Ikigo gishobora kongera iminsi ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mbere y'uko irangira.</p> <p>Ikigo gisuzuma raporo y'igenzura ku bidukikije kikamenyesha ugenzurwa icyemezo cyacyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Ikusanyabitekerezo</u></b></p> <p>Iyo bibaye ngombwa ko habaho ikusanyabitekerezo, Ikigo kigena iminsi mirongo itatu (30) y'akazi y'inyongera ibarwa uherye ku muni itangazo rimenyekanisha ikusanyabitekerezo ryatangiwe.</p>	<p><b><u>Article 9: Review of environmental audit report and decision making</u></b></p> <p>Upon reception of the environmental audit report, the Authority reviews the report to verify its conformity to the terms of reference.</p> <p>The Authority must, within twenty (20) working days from the date of receipt of the report, accept, reject the report or request for additional information from the auditee.</p> <p>Depending on the nature of the project and upon notification in writing to the developer and the Minister in charge of Environment, the Authority may increase days mentioned in Paragraph One of this Article before their elapse.</p> <p>The Authority reviews the environmental audit report and communicate its decision to the auditee.</p> <p><b><u>Article 10: Public hearing</u></b></p> <p>If it is necessary to hold public hearing, the Authority determines an additional period of thirty (30) working days from the date of public hearing notification.</p>	<p><b><u>Article 9: Examen du rapport d'audit environnemental et prise de décision</u></b></p> <p>Après la réception du rapport d'audit environnemental, l'Office examine le rapport afin de vérifier sa conformité aux termes de référence.</p> <p>Dans un délai de vingt (20) jours ouvrables à partir de la date de réception du rapport, l'Office doit accepter, refuser le rapport ou demander des informations supplémentaires à l'audité.</p> <p>Selon la nature du projet et sous la notification écrite faite au promoteur et au Ministre ayant l'Environnement dans ses attributions, l'Office peut prolonger le délai mentionné dans l'alinéa premier du présent article avant son expiration.</p> <p>L'Office examine le rapport d'audit environnemental et communique sa décision à l'audité.</p> <p><b><u>Article 10: Tenue des audiences publiques</u></b></p> <p>S'il est nécessaire de tenir des audiences publiques, l'Office détermine un délai supplémentaire de trente (30) jours ouvrables à partir de la date de notification de l'audience publique.</p>
---	---	--

<p><b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ishyirwaho ry'amabwiriza rusange n'ayihariye agenga igenzura ku bidukikije</p> <p>Ikigo gishyiraho amabwiriza rusange n'ayihariye agenga uko igenzura ku bidukikije rikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 11:</u></b> Setting up general and specific guidelines for conducting environmental audit</p> <p>The Authority sets up general and specific guidelines for conducting an environmental audit.</p> <p><b><u>Article 12:</u></b> Repealing provision</p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> Commencement</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 11:</u></b> Mise en place des directives générales et spécifiques pour mener l'audit environnemental</p> <p>L'Office établit les directives générales et spécifiques pour mener l'audit environnemental.</p> <p><b><u>Article 12:</u></b> Disposition abrogatoire</p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

Kigali, 08/02/2021

(sé)

**Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d’Arc**

Minisitiri w’Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l’Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/2021 RYO KU WA 08/02/2021 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMISHINGA IGOMBA GUKORERWA IGENZURA KU BIDUKIKIJE, AMABWIRIZA N'UBURYO BIGENGA IKORWA RY'IGENZURA KU BIDUKIKIJE</b></p>	<p><b>ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N° 001/2021 OF 08/02/2021 ESTABLISHING THE LIST OF PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL AUDIT, INSTRUCTIONS AND PROCEDURES FOR CONDUCTING ENVIRONMENTAL AUDIT</b></p>	<p><b>ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/2021 DU 08/02/2021 ÉTABLISSANT LA LISTE DES PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UN AUDIT ENVIRONNEMENTAL, INSTRUCTIONS ET PROCÉDURES POUR MENER L'AUDIT ENVIRONNEMENTAL</b></p>
<p><b>URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIGOMBA GUKORERWA IGENZURA KU BIDUKIKIJE</b></p>	<p><b>LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS THAT MUST UNDERGO ENVIRONMENTAL AUDIT</b></p>	<p><b>LISTE DES TRAVAUX, ACTIVITÉS ET PROJETS DEVANT FAIRE L'OBJET D'UN AUDIT ENVIRONNEMENTAL</b></p>
<p>1° Inyubako zose ziri mu byiciro bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. iz'imyidagaduro n'izihuriramo abantu benshi;</li> <li>b. iziberamo ikinamico na siporo;</li> <li>c. izo basengeramo;</li> <li>d. iz'imikino ibera ahadatwikiriye;</li> </ul>	<p>1° All buildings classified in the following categories:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. entertainment and public assembly;</li> <li>b. theatre and indoor sport;</li> <li>c. places of worship;</li> <li>d. outdoor sport;</li> </ul>	<p>1° Tous les bâtiments classés dans les catégories suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a. des lieux de divertissement et d'assemblée publique;</li> <li>b. des théâtres et des lieux de sport intérieur;</li> <li>c. des lieux de culte;</li> <li>d. des lieux de sport en plein air;</li> </ul>

<p>e. ibigo byo kwigishirizamo n'iby'amahugurwa birimo inyubako yose cyangwa itsinda ry'inyubako zicungiwe hamwe, zikoreshwa n'abanyeshuri cyangwa abahugurwa barenze magana atanu (500);</p> <p>f. ibitaro n'ibigo nderabuzima;</p> <p>g. inyubako zigenewe kwakira abantu zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga magana atanu (500);</p>	<p>e. learning and training institutions that include any building or a group of buildings under single management that are used by students or trainees more than five hundred (500);</p> <p>f. hospitals and health centers;</p> <p>g. publicly accessible facilities with a capacity to host more than five hundred (500) people;</p>	<p>e. des établissements d'apprentissage et de formation qui comprennent un bâtiment ou un groupe de bâtiments sous la gestion unique qui sont utilisés par plus de cinq cent (500) étudiants ou stagiaires;</p> <p>f. des hôpitaux et des centres de santé;</p> <p>g. des installations accessibles au public pouvant accueillir plus de cinq cent (500) personnes ;</p>
<p>2° inyubako z'inganda n'izishobora guteza impanuka;</p>	<p>2° industrial buildings and hazardous buildings;</p>	<p>2° des bâtiments industriels et ceux pouvant causer des accidents ;</p>
<p>3° ububiko bugenewe kubikwamo ibintu byateza impanuka;</p>	<p>3° warehouses for high risk storage of hazardous goods;</p>	<p>3° des entrepôts pour le stockage des biens et des matériaux dangereux ;</p>
<p>4° ububiko n'inyubako zibikwamo ibikomoka ku buhinzi byangirika, ziri ku buso bungana cyangwa buri hejuru ya kimwe cya kabiri cya hegitari (1/2 ha);</p>	<p>4° warehouses and storage facilities of perishable agricultural commodities of half hectare (1/2ha) and above;</p>	<p>4° des entrepôts et installations de stockage de denrées agricoles périssables d'un demi hectare (1/2 ha) et plus;</p>
<p>5° aho abantu bashyirwa mu rwego rw'igihano cyangwa kugororwa cyangwa kubera ibibazo byo mu mutwe;</p>	<p>5° places where people are detained for punitive or corrective reasons or because of their mental condition;</p>	<p>5° des lieux où les personnes sont détenues pour des raisons punitives ou correctives ou en raison de leur état mental ;</p>
<p>6° ahakorerwa imirimo y'ubucuruzi itari iy'inganda aho ibihakorerwa cyangwa ibihacururizwa bishobora guteza umuriro,</p>	<p>6° places of non-industrial commercial activities, where such activities or products sold may cause fire, cause combustion with</p>	<p>6° des sites d'activités commerciales non industrielles dans lesquels les activités y effectués ou les produits y faisant objet du</p>

kuwukwirakwiza mu buryo bwihuse, kohereza imyuka ihumanya cyangwa se guturika;	extreme rapidity, give rise to poisonous fumes or cause explosions;	commerce sont susceptibles de provoquer l'incendie, causer une combustion avec une rapidité extrême, provoquer des fumées toxiques ou causer des explosions;
7° amagaraji;	7° garages;	7° des garages;
8° ububiko bw'ibintu;	8° bonded warehouse;	8° des entrepôts de stockage ;
9° amahoteli;	9° hotels;	9° des hôtels ;
10° imihanda mpuzamahanga, iy'Igihugu, iy'Akarere, n'amateme manini;	10° international, national, District roads and large bridges;	10° des routes internationales, nationales, de District, et grands ponts ;
11° ingomero z'amazi, ingomero z'amashanyarazi n'imiyoboro y'amashanyarazi y'ibipimo byo hejuru n'ibiringaniye;	11° hydro-dams, hydropower plants and electrical lines of high and medium voltage;	11° des hydro-barrages, des centrales hydroélectriques et des lignes électriques de haute et moyenne tension;
12° impombo z'ibikomoka kuri peteroli n'ibigege byabyo;	12° petroleum products pipelines and their storage tanks;	12° des pipelines des produits pétroliers et leurs réservoirs de stockage;
13° aho amato ahagarara, ibibuga by'indege n'inzira za gari ya moshi;	13° terminal ports, airports and railways;	13° des ports terminaux, des aéroports et des chemins de fer ;
14° ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko ku butaka buhehereye;	14° agricultural and breeding activities which use chemical fertilisers and pesticides in wetlands;	14° des activités agricoles et d'élevage qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides dans les zones humides;
15° imishinga minini y'ishoramari mu buhinzi ikoresha ifumbire mvaruganda n'imiti yica udukoko;	15° large scale investment projects in agricultural activities which use chemical fertilisers and pesticides;	15° des projets d'investissement à grande échelle dans le domaine d'agriculture qui utilisent des engrais chimiques et des pesticides;

16° imishinga y'ubworozi bw'amafi mu biyaga n'imigezi;	16° fish farming projects in lakes and rivers;	16° des projets de pisciculture dans des lacs et des rivières;
17° imirimo n'ibikorwa byo guhindura uturemangingo tw'imbutu n'inyamaswa;	17° works and activities that involve genetic modification of seeds and animals;	17° des travaux et des activités impliquant la modification génétique des semences et des animaux;
18° imirimo yose yo muri pariki no mu nkengeru zazo;	18° any works in parks and in its buffer zone;	18° tous les travaux dans les parcs et dans leurs zones tampons;
19° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi no gutunganya amabuye y'agaciro na kariyeri;	19° all works related to mining and mineral processing;	19° tous les travaux liés à l'exploitation et de traitement de minerais;
20° imirimo yose ijyanye n'ubucukuzi no gutunganya kariyeri;	20° all works related to the extraction and transformation of quarries;	20° tous les travaux liés à l'exploitation et au traitement des carrières;
21° ingomero zo kubika amazi;	21° water storage dams;	21° des barrages de stockage d'eau ;
22° ibikorwa n'imirimo byo gutunganya ibishanga;	22° works and activities for marshlands development;	22° des travaux et des activités d'aménagement des marais;
23° amabagiro;	23° slaughter houses;	23° des abattoirs;
24° inyubako ndende n'iminara;	24° towers and masts;	24° des tours et des mats;
25° inyubako zose zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga magana atanu (500), ingomero z'amashanyarazi nto, imiyoboro y'amashanyarazi y'ibipimo bito n'imiyoboro y'amashanyarazi yihariye;	25° all types of buildings, with a capacity to host more than five hundred (500) people, micro hydroelectric power, low voltage electric lines and off grid electrical lines;	25° tous les types de bâtiments, pouvant accueillir plus de cinq cents (500) personnes, des centrales micro-hydroélectriques, des lignes électriques à basse tension et des lignes électriques hors réseau;

<p>26° imirimo yose yo gucukura no gutunganya ibikomoka kuri peteroli na gazi kamere;</p>	<p>26° all works related to the extraction and treatment of petroleum products and natural gas;</p>	<p>26° tous les travaux liés à l'exploitation et de traitement des produits pétroliers et du gaz naturel;</p>
<p>27° imirimo yose ijyanye no gukora, kubika, kujugunya no gukoresha ibiturika mu birombe no mu bikorwa bya kariyeri;</p>	<p>27° all works related to the manufacturing, storing, disposal and use of explosives in the mines and quarry activities;</p>	<p>27° tous les travaux liés à la fabrication, au stockage, à l'élimination et à l'utilisation d'explosifs dans des activités des mines et des carrières;</p>
<p>28° inyubako cyangwa ahantu hakorerwa ibikorwa byo gutunganya imyanda.</p>	<p>28° waste treatment facilities.</p>	<p>28° des installations de traitement des déchets.</p>



<b>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 001/2021 ryo ku wa 08/02/2021 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa igenzura ku bidukikije, amabwiriza n'uburyo bigenga ikorwa ry'igenzura ku bidukikije</b>	<b>Seen to be annexed to Ministerial Order n° 001/2021 of 08/02/2021 establishing the list of projects that must undergo environmental audit, instructions and procedures for conducting environmental audit</b>	<b>Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 001/2021 du 08/02/2021 établissant la liste des projets devant faire l'objet d'un audit environnemental, instructions et procédures pour mener l'audit environnemental</b>
---	--	---

Kigali, 08/02/2021

(sé)

**Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d’Arc**  
Minisitiri w’Ibidukikije  
Minister of Environment  
Ministre de l’Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux